ICYEMEZO CY'UMUCAMANZA MU RUBANZA RP 00053/2020/TGI/HYE GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO

-----------------------------------------------------------

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'ibiri, umunsi wa 29 w'ukwezi kwa Nzeri;

Twebwe MUSABWA Innocent umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Huye, dufatanije na MUSHIMIYIMANA Samy Sylvie Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona urubanza RP 00053/2020/TGI/HYE, Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Huye bukurikiranyemo REBANEZA Stephano icyaha cyo gusambanya undi ku gahato, **ruzaburanishwa ku wa 5/12/2022 saa mbiri za mugitondo;**

Tumaze kubona ko REBANEZA Stephano mwene Bucumi Vincent na Nibarekayo Seraphine wavukiye mu mudugudu w'Akanage, Akagari ka Nyabisagara , umurenge wa Mukindo , Akarere ka Gisagara, Intara y,Amajyepfo ari naho abarizwa , umunyarwanda ,umuhinzi , ingaragu , akurikiranywe nk,uwatorotse ubutabera .;

KUBERA IZO MPAMVU ZOSE TUBONYE:

Dushingiye ku ngingo za 160,161z'itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse REBANEZA Stephano kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Huye ku wa 5/ 12/ 2022 saa mbiri za mugitondo (8h 00), ku cyicaro cyarwo i Ngoma ngo aburanishwe, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, agacirwa urubanza adahari;

Twemeje ko mu rwego rwo kubimenyekanisha iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru « www.judiciary.gov.rw » mu minsi 8.

Twemeje ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe kumanikwa amatangazo ku Rukiko Rwisumbuye rwa Huye.

Bikorewe i Ngoma /Huye mu mwaka,umunsi n'ukwezi byavuzwe haruguru.

| Umucamanza | Umwanditsi |
|---|---|
| MUSABWA Innocent | MUSHIMIYIMANA Samy Sylvie |

URUKIKO RWISUMBUYE RWA HUYE